Repubulika y'u Rwanda

IKIGO CY'IGIHUGU CYO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE (REMA)

REMA OUR ENVIRONMENT OUR FUTURE

ITANGAZO

Hashingiwe ku Itegeko N°48/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibidukikije cyane cyane mu ngingo yaryo ya 30 ivuga ku mishinga igomba gukorerwa Isuzumangaruka ku Bidukikije n'uko rikorwa;

Hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri No 001/2019 ryo ku wa 15/04/2019 rishyiraho urutonde rw'imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije, amabwiriza, ibisabwa n'uburyo bwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije, cyane cyane mu ngingo ya 3 n'iya 4 zivuga ku isuzumangaruka ku bidukikije ryuzuye n'isuzumangaruka ku bidukikije rihinnye;

Hashingiwe kandi ku Itegeko N° 36/2016 ryo ku wa 08/09/2016 rishyiraho Urugaga rushinzwe Ubunyamwuga mu Bidukikije mu Rwanda, (RAPEP), rikanagena imiterere ndetse n'imikorere byarwo, cyane mu ngingo ya 31 uvuga ku bantu bemerewe gukora isuzumangaruka n'igenzura ku bidukikije;

Hitawe kandi no ku byavuye ku nama zatanzwe muri raporo y'isesengura rijyanye n'ubushobozi bukenewe mu micungire y'ingaruka ku bidukikije n'imibereho myiza y'abaturage mu Rwanda, muri zimwe mu nama zatanzwe hakaba haragaragajwe ko hakenewe amatsinda agizwe n'abantu bishyize hamwe bafite ubumenyi butandukanye bakora isuzumangaruka ku bidukikije no ku mibereho myiza y'abaturage mu rwego kuzamura ireme ry'inyigo bityo imishinga y'iterambere igakorwa mu buryo burambye;

Iri tangazo rigamije kumenyesha ba nyirimishinga bose n'abandi bafatanyabikorwa bo mu nzego za Leta n'iz'abikorera, ko guhera ku itariki ya 1 Kanama 2023:

1. Isuzumangaruka ku Bidukikije ryuzuye rizajya rikorwa n'amasosiyete y'abanyamwuga atanga serivisi z'ibidukikije azwi kandi afite ibyangombwa bitangwa na RAPEP;
2. Isuzumangaruka ku Bidukikije rihinnye rishobora gukorwa n'umunyamwunga utanga servisi z'ibidukikije uzwi kandi ufite ibyangombwa bitangwa na RAPEP, ishobora kuba sosiyete itanga serivisi z'impuguke cyangwa umuntu ku giti cye utanga izo serivisi bizwi kandi bifite ibyangombwa bitangwa na RAPEP.

Ku bindi bisobanuro, mwabaza Ms. AKIMPAYE Beatha, umukozi wa REMA binyuze kuri imeyili: bakimpaye@rema.gov.rw cyangwa kuri telefone igendanwa 0783535500; Fred KAREMERA umukozi wa RDB imeyili: fred.karemera@rdb.rw cyangwa kuri telefone 0788312153 na Bonny RUTEMBESA, umukozi wa RAPEP imeyili: brutembesa@rapep.org.rw cyangwa kuri telefone 0788594136.

Bikorewe i Kigali kuwa 01/Kanama/2023

Digitally signed by REMA(DG)1

KABERA Juliet
Umuyobozi Mukuru